# 153: Yes' urankunda, Mukiza mwiza

1.

Yes' urankunda, Mukiza mwiza ; Yes' urankunda : sinz' icyakunkundishije !Waje kunkiza, nd' umunyabyaha; Ubwo wanshunguye, nagupfira !

Ref:

Njye nguhimbaza, Mukiza mwiza ! Njye nguhimbaza, Mucunguzi wanjy' unkunda. N'jye nguhimbaza, Mukiza mwiza:Nzak uririmbir' ibihe byose.

2.

Waje kunkiza, Mukiza mwiza; Waje kunkiza: wabyemejwe n'iki, mbese?Icyo nzi n'uko wabay' inshungu,Ubwo wamfirag' urupfu rubi.

3.

Nshorera, Yesu, Mukiza mwiza : Nshorera, Yesu; jy'ungez’ ah' ushaka hose,Mu nzira nziza, cyangwa no mu mbi, Ngcr' ikirenge mu cyawe, Yesu.

4.

Yes' uzampemba, Mukiza mwiza: Yes' uzampemba, ntakwiriy' ubuntu bwawe
Kandi nzareba n'ubwiza bwawe, Nguhimbazanye n'abera bose

Visit us at indirimbo.com